**UKO UMUNSI WA MBERE W'AMARUSHANWA YA GWIZAMAHORO CUP MURI PAROISSE YA RUHUHA WAGENZE 18 Kamena 2023**

**Hari hateganijwe imikino 4.**




## INYIGISHO YATANZWE

Inyigisho yatanzwe yibanze ku ntego y'iri rushanwa yo kwimakaza umuco w'ubuvandimwe n'amahoro mu rubyiruko rw'ikinyejana cya 21.

Igice cya mbere cy'inyigisho cyaranzwe n'umuco wo kuramukanya mu ndamukanyo y'umuryango wa AJECL itera inkunga iri rushanwa igira iti: Gwiza amahoro – Tuyagabe. Muri iyi ndamukanyo hakubiyemo icyo twifuriza umunyarwanda wese muri iki kinyejana: kwigiramo amahoro y'umutima no kuyaha abandi aho ari hose. Aya ni amahoro yezu yahaye abe agira ati: " Mbasigiye amahoro mbahaye amahoro yange, sinyabahaye nk'uko isi iyatanga, ntimugire ubwoba kandi ntimukuke umutima" Jn 14, 27.

Hakurikiyeho uburyo bwo kwibwirana bwimakaza umuco w'ubuvandimwe, aho uwo ndiwe n'icyo mfana n'abandi biza mbere y'icyo ndicyo mu muryango nyarwanda mu nyungu zange n'iz'abandi.

Aha umuntu akaba abanza kubwira abandi amazina ye, ariyo amutandukanya n'abandi, hanyuma agahamya ko ari umuvandimwe wabo bose, akaba umwana umwe mu bikinyejana cye, akabona kuvuga icyo aricyo mu muryango nyarwanda, umurimo akora, amashuri yize n'ibindi byose yashaka kongeraho.

Urugero:

Nitwa **IYAKAREMYE Theogene**, ndi umuvandimwe wanyu, ndi bucura w'ikinyejana cya 21, nkaba ndi padiri ushinzwe urubyiruko muri paroisse ya Ruhuha, nkaba narashinze umuryango AJECL.

Igice cya kabiri cy'inyigisho kibanze ku nsanganyamatsiko y'irushanwa ikubiye mu muhigo w'imfura z'ikinyejana cya 21:

Imfura z'ikinyejana cya 21, tubyirukiye gukina no kubana, ntitubyirukiye guhangana no kurwana.

Uyu muhigo ushimangira ubuvandimwe n'amahoro bigomba kuranga abavandimwe nyine. Barakina , bakabana bakirinda impamvu zose zatuma bahangana cyangwa barwana. Umuvandimwe yifuriza umuvandimwe we ubuzima buzira umuze, aha niho hagaragajwe ko uyu muco w'ubuvandimwe wagombye kuzana kubahana hagati y'urubyiruko rw'ibitsina byombi, nka bashiki na basaza b'abandi. Ibi bigaca umuco mubi w'inda ziterwa urubyiruko rw'abakobwa, bikaruviramo kubaho nabi, inzozi z'ejo hazaza heza zikagorana kugerwaho.

Ni muri uwo muhigo kandi bakangiriwemo gukina imikino yabo yose, kuburyo ubuvandimwe bafitanye budahungabanywa n'ishyaka ryo gutsindana. Aha basabwe kwirinda ihame ryo mu mikino isanzwe, aho ubura umupira ugatera akaguru. Bashishikarijwe gukina neza, bumvishwa ko aho kuvuna mugenzi wawe, wamureka agatsinda igitego kuko ubuzima bwe bukurutira gutsindwa igitego.

## IKIGERERANYO CY'ABAGEZWEHO N'UBUTUMWA BW'UMUNSI

Abakinnyi kuri buri kibuga bari hagati ya 60 na 80

Abaje kureba umupira

Ku kibuga cya Kabasengerezi hari abagera ku 100

Ku kibuga cya Mareba, haje abasaga 500

**Imikino yo kwishyura iteganijwe ku cyumweru taliki 25 Kamena**

| AMAKIPE | IKIBUGA | ITALIKI |
|---|---|---|
| Ruhuha – Mareba | Kindama ( Ruhuha) | 25 Kamena 2023 |
| Nziranziza – Ngenda | Mu Kiyovu ( Nziranziza) | 25 Kamena 2023 |

**“MUGWIZE AMAHORO TUYAGABE MU KINYEJANA CYACU”**

PADIRI IYAKAREMYE Theogene

Ushinzwe urubyiruko muri Paruwasi ya Ruhuha

The founder of AJECL

AMAFOTO:





